



Umwaka wa 64
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 20/08/2025

Year 64
Official Gazette n° Special of
20/08/2025

64^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
20/08/2025

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Amateka ya Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

Iteka rya Minisitiri n° 003/MoE/25 ryo ku wa 19/08/2025 ryerekeye isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	2
Ministerial Order n° 003/MoE/25 of 19/08/2025 relating to environmental and social impact assessment	2
Arrêté Ministériel n° 003/MoE/25 du 19/08/2025 relatif à l'étude d'impact environnemental et social	2
Iteka rya Minisitiri n° 004/MoE/25 ryo ku wa 19/08/2025 ryegurira ubutaka bwa Leta buri mu mutungo bwite wayo AGDF CORPORATE TRUST LTD.....	46
Ministerial Order n° 004/MoE/25 of 19/08/2025 transferring state lands in private domain to AGDF CORPORATE TRUST LTD.....	46
Arrêté Ministériel n° 004/MoE/25 du 19/08/2025 portant transfert des terres du domaine privé de l'Etat à AGDF CORPORATE TRUST LTD.....	46

ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MoE/25 RYO KU WA 19/08/2025 RYEREKEYE ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE	MINISTERIAL ORDER N° 003/MoE/25 OF 19/08/2025 RELATING TO ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MoE/25 DU 19/08/2025 RELATIF À L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL
<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije	<u>Article One:</u> Purpose of this Order	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura	<u>Article 2:</u> Interpretation	<u>Article 2 :</u> Interprétation
<u>Ingingo ya 3:</u> Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 3:</u> List of works, activities and projects subject to environmental and social impact assessment	<u>Article 3 :</u> Liste des travaux, des activités et des projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental et social
<u>Ingingo ya 4:</u> Ibibujijwe byerekeye imirimo, ibikorwa n'imishinga biri ku rutonde	<u>Article 4:</u> Restrictions on works, activities and projects included on the list	<u>Article 4 :</u> Restrictions sur les travaux, activités et projets figurant sur la liste
<u>Ingingo ya 5:</u> Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde	<u>Article 5:</u> Works, activities and projects not included on the list	<u>Article 5 :</u> Travaux, activités et projets ne figurant pas sur la liste
<u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa by'ibanze mu gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 6:</u> Minimum requirements to conduct an environmental and social impact assessment	<u>Article 6 :</u> Exigences minimales pour mener une étude d'impact environnemental et social
<u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo bwo gusaba uruhushya rwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 7:</u> Modalities for application for authorisation to conduct the environmental and social impact assessment	<u>Article 7 :</u> Modalités de demande d'autorisation pour mener une étude d'impact environnemental et social

<u>Ingingo ya 8:</u> Ishingiro ry'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 8:</u> Basis of Environmental and social impact assessment	<u>Article 8 :</u> Base d'une étude d'impact environnemental et social
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z'umunyamwuga watoranyijwe	<u>Article 9:</u> Duties of the selected practitioner	<u>Article 9 :</u> Attributions du praticien choisi
<u>Ingingo ya 10:</u> Gutegura raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 10:</u> Preparation of the environmental and social impact assessment report	<u>Article 10 :</u> Préparation du rapport d'étude d'impact environnemental et social
<u>Ingingo ya 11:</u> Gutanga raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 11:</u> Submission of environmental and social impact assessment report	<u>Article 11 :</u> Soumission du rapport de l'étude d'impact environnemental et social
<u>Ingingo ya 12:</u> Gusuzuma no Kumenyesha icyemezo kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	<u>Article 12:</u> Review and notification of the decision on environmental and social impact assessment report	<u>Article 12 :</u> Analyse et notification de la décision sur le rapport de l'étude d'impact environnemental et social
<u>Ingingo ya 13:</u> Ikusanyabitekerezo	<u>Article 13:</u> Public hearing	<u>Article 13 :</u> Consultation publique
<u>Ingingo ya 14:</u> Ingingo y'ururimi	<u>Article 14:</u> Language provision	<u>Article 14 :</u> Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 15:</u> Ingingo ivanaho	<u>Article 15:</u> Repealing provision	<u>Article 15 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 16:</u> Gutangira gukurikizwa	<u>Article 16:</u> Entry into force	<u>Article 16 :</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MoE/25 RYO KU WA 19/08/2025 RYEREKEYE ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE Minisitiri w'Ibidukikije; Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda; Ashingiye ku Itegeko n° 48/2018 ryo ku wa 13/08/2018 rigenga ibidukikije, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 30; Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 001/2019 ryo ku wa 15/04/2019 rishyiraho urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije, amabwiriza, ibisabwa n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije; Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 26/03/2025 imaze kubisuzuma no kubyemeza; ATEGETSE:	MINISTERIAL ORDER N° 003/MoE/25 OF 19/08/2025 RELATING TO ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT The Minister of Environment; Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda; Pursuant to Law n° 48/2018 of 13/08/2018 on environment, especially in Article 30; Having reviewed Ministerial Order n° 001/2019 of 15/04/2019 establishing the list of projects that must undergo environmental impact assessment, instructions, requirements and procedures to conduct environmental impact assessment; After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 26/03/2025; ORDERS:	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MoE/25 DU 19/08/2025 RELATIF À L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL Le Ministre de l'Environnement ; Vu la Constitution de la République du Rwanda ; Vu la Loi n° 48/2018 du 13/08/2018 sur l'environnement, spécialement en son article 30 ; Revu l'Arrêté Ministériel n° 001/2019 du 15/04/2019 établissant la liste des projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental, instructions, conditions et procédures pour mener l'étude d'impact environnemental ; Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 26/03/2025 ; ARRÊTE :
---	--	---

<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije Iri teka rishyiraho – (a) urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage mbere y'uko ibona uburenganzira bwo gushyirwa mu bikorwa; (b) n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage.	<u>Article One:</u> Purpose of this Order This Order establishes – (a) the list of works, activities and projects subject to environmental and social impact assessment before they obtain authorisation for their implementation; and (b) modalities to conduct an environmental and social impact assessment.	<u>Article premier :</u> Objet du présent arrêté Le présent arrêté établit – (a) la liste des travaux, des activités et des projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental et social avant qu'ils obtiennent l'autorisation de leur mise en exécution ; et (b) les modalités pour mener une étude d'impact environnemental et social.
<u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura Muri iri teka: (a) « urwego rwabiherewe uburenganzira » bivuga urwego rwa Leta rwahawe uburenganzira n'Ikigo bwo kwemeza isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage; (b) « Ikigo » bivuga urwego rwa Leta rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano; (c) « nyir'umushinga » bivuga umuntu cyangwa isosiyete y'ubucuruzi byateguye cyangwa byatangije	<u>Article 2:</u> Interpretation In this Order: (a) “authorised organ” means a State organ authorised by the Authority to approve the environmental and social impact assessment; (b) “Authority” means the State organ in charge of conservation of the environment; (c) “developer” means a person or company that has proposed or has undertaken a work, activity or project;	<u>Article 2 :</u> Interprétation Dans le présent arrêté : (a) « organe autorisé » signifie un organe de l'État autorisé par l'office pour approuver l'étude d'impact environnemental et social ; (b) « Office » signifie l'organe de l'État ayant la conservation de l'environnement dans ses attributions ; (c) « promoteur » signifie une personne ou une société commerciale qui a planifié ou entrepris un travail, une

umurimo, igikorwa cyangwa umushinga; (d) « isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage » bivuga inyigo ikorwa hagamijwe kugaragaza, guteganya no gusuzuma ingaruka zishoboka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage zitewe n'umurimo, igikorwa cyangwa umushinga biteganyijwe, no kugaragaza ingamba zo kugabanya ubukana bw'izo ngaruka, mbere y'ishyirwa mu bikorwa ry'umurimo, ry'igikorwa cyangwa ry'umushinga; (e) « isuzumangaruka ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage ryuzuye » bivuga inyigo ikubiyemo ibyiciro byose by'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage; (f) « isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rihinye » bivuga inyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage igarukira ku kugaragaza ibibazo byerekeranye n'ibidukikije n'imibereho y'abaturage n'ingamba zikwiye mu kugabanya ubukana bwabyo;	(d) “environmental and social impact assessment” means a study conducted to identify, predict and assess the potential environmental and social impacts of a proposed work, activity or project, and propose mitigation measures of those impacts before implementation of the work, activity or project; (e) “full environmental and social impact assessment” means a study which includes all stages of an environmental and social impact assessment; (f) “partial environmental and social impact assessment” means an environmental and social impact assessment limited to the identification of environmental and social issues and appropriate mitigation measures;	activité ou un projet ; (d) « étude d'impact environnemental et social » signifie une étude menée pour identifier, prévoir et évaluer les impacts environnementaux et sociaux potentiels du travail, de l'activité ou du projet proposé, et proposer les mesures d'atténuation de ces impacts avant la mise en œuvre du travail, d'une activité ou d'un projet ; (e) « étude d'impact environnemental et social complète » signifie une étude qui comprend toutes les étapes d'une étude d'impact environnemental et social ; (f) « étude d'impact environnemental et social partielle » signifie une étude d'impact environnemental et social limitée à l'identification des problèmes environnementaux et sociaux et les mesures d'atténuation appropriées ;
--	--	---

(g) « umunyamwuga » bivuga umuntu wemerewe n’Urugaga rushinzwe ubunyamwuga mu bidukikije mu Rwanda gukora isuzumangaruka ku bidukikije n’imibereho y’abaturage; (h) « isosiyeti y’abanyamwuga » bivuga isosiyeti cyangwa urundi rwego rufite ubuzimagatozi byemerewe n’Urugaga rushinzwe ubunyamwuga mu bidukikije mu Rwanda gukora isuzumangaruka ku bidukikije n’imibereho y’abaturage; (i) « ikusanyabitekerezo » bivuga uburyo bwo gukusanya ibitekerezo by’abaturage cyangwa inzego bishobora kugirwaho ingaruka n’umurimo, igikorwa cyangwa umushinga mu buryo butaziguye cyangwa buziguye hagamijwe kurengera uburenganzira bwabo mbere y’uko umurimo, igikorwa cyangwa umushinga byemerwa; (j) « umunyamwuga watoranyijwe » bivuga umunyamwuga cyangwa isosiyeti y’abanyamwuga batoranyijwe na nyir’umushinga ku rutonde rw’abanyamwuga mu isuzumangaruka ku bidukikije n’imibereho y’abaturage, kugira ngo	(g) “practitioner” means a person authorised by the Rwanda Association of Professional Environmental Practitioners to conduct environmental and social impact assessment; (h) “practitioners firm” means a company or any other legal person licensed by the Rwanda Association of Professional Environmental Practitioners to conduct environmental and social impact assessment; (i) “public hearing” means the process of collecting ideas from people or organs likely to be affected directly or indirectly by the work, activity or project in order to protect their rights before the work, activity or project gets authorisation; (j) “selected practitioner” means a practitioner or practitioners firm selected by the developer from the list of environmental and social assessment practitioners to assess the impact of their work, activity or project on the environment and social;	(g) « praticien » signifie une personne autorisée par l’Ordre de la profession de praticiens en environnement au Rwanda à mener une étude d’impact environnemental et social ; (h) « cabinet de praticiens » signifie une entreprise ou autre personne morale agréée par l’Ordre de la profession de praticiens en environnement au Rwanda pour réaliser l’étude d’impact environnemental et social ; (i) « consultation publique » signifie le processus de collecter les avis de la population ou des organes susceptibles d’être affectés directement ou indirectement par le travail, l’activité ou le projet afin de protéger leurs droits avant que le travail, l’activité ou le projet n’obtienne une autorisation ; (j) « praticien choisi » signifie un praticien ou un cabinet de praticiens sélectionné par le promoteur sur la liste des praticiens de l’étude environnementale et sociale pour évaluer l’impact environnemental et social de son travail, de son activité ou
---	--	---

basuzume ingaruka z'umurimo, z'igikorwa cyangwa z'umushinga bye ku bidukikije n'imibereho y'abaturage; (k) « kugisha inama abafatanyabikorwa » bivuga uburyo buhamye bwo gushyira ibigo bya Leta bireba cyangwa undi muntu ufite inyungu cyangwa uruhare mu mushinga, mu itegurwa ryawo, mu kugaragaza ingaruka zawo ku bidukikije n'imibereho y'abaturage, mu ngamba zo kugabanya ubukana bw'izo ngaruka no mu ifatwa ry'ibyemezo. <u>Ingingo ya 3: Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage</u> (1) Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ryuzuye mbere yo kubona uburenganzira bwo gushyirwa mu bikorwa ruri ku mugereka wa 1. (2) Urutonde rw'imirimo, ibikorwa n'imishinga bikorerwa	(k) “stakeholder consultation” means a systematic way of involving relevant public institutions or any other person having an interest or stake in a project, in project planning, development, identification of environmental and social risks and mitigation measures and decision-making process. <u>Article 3: List of works, activities and projects subject to environmental and social impact assessment</u> (1) The list of works, activities and projects subject to full environmental and social impact assessment before being granted authorisation for their implementation is in Annex 1. (2) The list of works, activities and projects subject to partial	de son projet ; (k) « consultation des parties prenantes » signifie une voie systématique d'impliquer les institutions publiques concernées ou autre personne ayant un intérêt ou une participation dans un projet, dans la planification du projet, au développement, à l'identification des risques environnementaux et sociaux et aux mesures d'atténuation et au processus de prise de décision. <u>Article 3 : Liste des travaux, des activités et des projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental et social</u> (1) La liste des travaux, des activités et des projets faisant l'objet d'une étude d'impact environnemental et social complète avant d'obtenir l'autorisation de les mettre en œuvre est en annexe 1. (2) La liste des travaux, des activités et des projets faisant l'objet d'une étude
---	---	--

isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rihinye mbere yo kubona uburenganzira bwo gushyirwa mu bikorwa ruri ku mugereka wa 2. (3) Icyakora, Ikigo cyangwa urwego rwabiherewe uburenganzira bishobora gusaba nyir'umushinga gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ryuzuye ku mushinga uri ku rutonde ku mugereka wa 2 igihe cyose haketswe ko uwo mushinga ufite ingaruka mbi ku bidukikije n'imibereho y'abaturage kandi zidashobora gukosorwa. <u>Ingingo ya 4:</u> Ibibujijwe byerekeye imirimo, ibikorwa n'imishinga biri ku rutonde (1) Nyir'umushinga ntashobora gushyira mu bikorwa umurimo, igikorwa cyangwa umushinga uteganyijwe ku mugereka wa 1 n'uwa 2 adafite icyemezo gihamya ko yakoze isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage gitangwa n'urwego rwabiherewe uburenganzira. (2) Urwego rwa Leta ntirwemerewe	environmental and social impact assessment before being granted authorisation for their implementation is in Annex 2. (3) However, the Authority or authorised organ may request the developer to conduct a full environmental and social impact assessment for a project listed in Annex 2 whenever suspected to have a negative and irreversible impact on society and environment. <u>Article 4: Restrictions on works, activities and projects included on the list</u> (1) A developer cannot implement a work, activity or project provided for in Annex 1 and 2 without a certificate of approval of environmental and social impact assessment issued by the authorised organ. (2) A State organ is not allowed to issue a	d'impact environnemental et social partielle avant d'obtenir l'autorisation de les mettre en œuvre est en annexe 2. (3) Toutefois, l'Office ou l'organe autorisé peut demander au promoteur de réaliser une étude d'impact environnemental et social complète pour un projet en annexe 2 lorsqu'il est soupçonné d'avoir des impacts négatifs et irréversibles sur la société et sur l'environnement. <u>Article 4 : Restrictions sur les travaux, activités et projets figurant sur la liste</u> (1) Le promoteur ne peut pas mettre en œuvre un travail, une activité ou un projet prévu à l'annexe 1 et 2 sans certificat d'approbation de l'étude d'impact environnemental et social délivré par l'organe autorisé. (2) Un organe de l'État n'est pas autorisé
---	--	--

gutanga uruhushya, icyemezo cyangwa kwemerera umurimo, igikorwa cyangwa umushinga biri ku mugereka wa 1 n'uwa 2 hatabanje kugaragazwa icyemezo gihamya ko nyir'umushinga yakoze isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage.	license, permit or other approval for a work, activity or project in Annex 1 and 2 without proof of a certificate of approval of environmental and social impact assessment.	de délivrer une licence, un permis ou une autre approbation pour un travail, une activité ou un projet en annexe 1 et 2 sans la preuve d'un certificat d'approbation de l'étude d'impact environnemental et social.
<u>Ingingo ya 5:</u> Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde (1) Imirimo, ibikorwa n'imishinga bitari ku rutonde ruri ku mugereka wa 1 n'uwa 2 ntibikorwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage. (2) Iyo bigaragaye ko umurimo, igikorwa cyangwa umushinga bitari ku rutonde ruri ku mugereka wa 1 cyangwa uwa 2 bifite ingaruka mbi ku bidukikije n'imibereho y'abaturage kandi zidashobora gukosorwa kandi bikaba bifite imiterere nk'iy'umurimo, iy'igikorwa cyangwa iy'umushinga biri ku mugereka wa 1 cyangwa uwa 2, Ikigo cyangwa urwego rwabiherewe uburenganzira bishobora gusaba nyir'umushinga gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage.	<u>Article 5:</u> Works, activities and projects not included on the list (1) Works, activities and projects not listed in Annex 1 and 2 are not subject to the environmental and social impact assessment. (2) If it is evident that a work, activity or project not listed in Annex 1 or 2 has a negative and irreversible environment and social impact and it is similar in nature to the work, activity or project listed in Annex 1 or 2, the Authority or authorised organ may request the developer to conduct an environmental and social impact assessment.	<u>Article 5 :</u> Travaux, activités et projets ne figurant pas sur la liste (1) Les travaux, les activités et les projets ne figurant pas à l'annexe 1 et 2 ne font pas l'objet de l'étude d'impact environnemental et social. (2) Lorsqu'il est évident qu'un travail, une activité ou un projet ne figurant pas à l'annexe 1 ou 2 a un impact environnemental et social négatif et irréversible et est de même nature que le travail, l'activité ou le projet figurant à l'annexe 1 ou 2, l'Office ou l'organe autorisé peut demander au promoteur de mener une étude d'impact l'environnemental et social.

<u>Ingingo ya 6:</u> Ibisabwa by'ibanze mu gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage (1) Isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ryuzuye rikorwa n'isosiyete y'abanyamwuga yemerewe n'Urugaga rushinzwe ubunyamwuga mu bidukikije mu Rwanda. icyakora, isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rihinye rishobora gukorwa n'umunyamwuga cyangwa isosiyeti y'abanyamwuga. (2) Isosiyete y'abanyamwuga iteganyijwe mu gika cya (1) igomba kuba ifite impuguke mu gusuzuma ingaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage zikenewe zo gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage.	<u>Article 6:</u> Minimum requirements to conduct an environmental and social impact assessment (1) A full environmental and social impact assessment is conducted by a practitioner firm authorized by the Rwanda Association of Professional Environmental Practitioners. However, a partial environmental and social impact assessment may be conducted either by a practitioner or by a firm of practitioners. (2) The practitioners firm provided for in Paragraph (1) must have both environmental and social experts required to conduct environmental and social impact assessment.	<u>Article 6 :</u> Exigences minimales pour mener une étude d'impact environnemental et social (1) L'étude d'impact environnemental et social complète est menée par un cabinet de praticiens autorisé par l'ordre des praticiens en environnement. Toutefois, une étude d'impact environnemental et social partielle peut être menée soit par un praticien, soit par un cabinet de praticiens. (2) Le cabinet de praticiens prévu au paragraphe (1) doit disposer des experts environnementaux et sociaux requis pour mener une étude d'impact environnemental et social.
<u>Ingingo ya 7:</u> Uburyo bwo gusaba uruhushya rwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage (1) Nyir'umushinga uri ku rutonde rw'imishinga ikorerwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage, ahitamo umunyamwuga cyangwa isosiyete	<u>Article 7:</u> Modalities for application for authorisation to conduct the environmental and social impact assessment (1) A developer whose project is on the list of projects that require environmental and social impact assessment, selects a practitioner or practitioners firm to conduct the study.	<u>Article 7 :</u> Modalités de demande d'autorisation pour mener une étude d'impact environnemental et social (1) Le promoteur dont le projet figure sur la liste des projets nécessitant une étude d'impact environnemental et social, choisit un praticien ou un cabinet de praticiens pour mener l'étude.

y'abanyamwuga kugira ngo bakore inyigo. (2) Umunyamwuga watoranyijwe agomba kuba adafite inyungu itaziguye cyangwa iziguye muri uwo mushinga. (3) Mu gihe hakorwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ryuzuye, umunyamwuga watoranyijwe, mu izina rya nyir'umushinga, ashyikiriza urwego rwabiherewe uburenganzira ubusabe bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage iy'umurimo, iy'igikorwa cyangwa iy'umushinga biteganyijwe mu buryo bw'incamake hamwe n'inyandiko nsobanuramiterere yifuza kwifashisha kugira ngo bisuzumwe kandi byemezwe. (4) Mu gihe hakorwa isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rihinye, umunyamwuga watoranyijwe ashyikiriza urwego rwabiherewe uburenganzira incamake y'umurimo, iy'igikorwa cyangwa iy'umushinga na raporo ya gahunda yo kubungabunga ibidukikije n'imibereho y'abaturage	(2) The selected practitioner must not have a direct or indirect interest in that project. (3) In case of full environmental and social impact assessment, the selected practitioner, on behalf of the developer, submits to the authorized organ an application for environmental and social impact assessment of a proposed work, activity or project in brief together with proposed terms of reference for review and approval. (4) In case of partial environmental and social impact assessment, the selected practitioner submits to the authorized organ a work, activity or project brief together with an environmental and social management plan report for review and approval.	(2) Le praticien choisi ne doit avoir un intérêt direct ou indirect dans ce projet. (3) Dans le cas d'une étude d'impact environnemental et social complète, le praticien choisi, au nom du promoteur, soumet à l'organe autorisé une demande d'étude d'impact environnemental et social du travail, de l'activité ou du projet proposé en bref avec un projet des termes de référence pour examen et approbation. (4) Dans le cas d'une étude d'impact environnemental et social partielle, le praticien choisi soumet à l'organe autorisé le descriptif du travail, de l'activité ou du projet et le rapport du plan de gestion environnemental et social pour examen et approbation.
--	---	--

kugira ngo bisuzumwe kandi byemezwe. (5) Urwego rwabiherewe uburengenzira, nyuma yo gusura ahazakorerwa umurimo, igikorwa cyangwa umushinga uteganyijwe, rwemeza cyangwa rugasaba guhuza n'igihe inyandiko nsobanuramiterere umunyamwuga watoranyijwe azifashisha mu gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage mu gihe kitarenze iminsi 14 ibarwa uhereye ku munsu rwakiriyeho incamake y'umurimo, y'igikorwa cyangwa y'umushinga n'inyandiko nsobanuramiterere yifuza kwifashisha. (6) Bitewe n'uko umurimo, igikorwa cyangwa umushinga biteye, urwego rwabiherewe uburengenzira rushobora gusaba umunyamwuga watoranyijwe gukorana n'izindi mpuguke zemejwe n'ingaga z'abanyamwuga bireba.	(5) The authorized organ, after visiting the proposed work, activity or project site, approves or requests for an update of terms of reference for conducting the environmental and social impact assessment within 14 days from the date of receipt of the work, activity or project brief and proposed terms of reference. (6) Depending on the nature of the proposed work, activity or project, the authorized organ may require the selected practitioner to hire other experts licensed by relevant professional associations.	(5) L'organe autorisé, après avoir visité le site du travail, de l'activité ou du projet, approuve ou demande la mise à jour des termes de référence pour mener l'étude d'impact environnemental et social endéans 14 jours à compter du jour de réception d'un descriptif du travail, de l'activité ou du projet et des termes de référence proposés. (6) Selon la nature du travail, de l'activité ou du projet proposé, l'organe autorisé peut exiger au praticien choisi d'engager d'autres experts agréés par les associations professionnelles concernées.
---	--	--

<u>Ingingo ya 8:</u> Ishingiro ry'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage (1) Gukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage bishingira ku ncamake y'umurimo, iy'igikorwa cyangwa iy'umushinga n'inyandiko nsobanuramiterere byemejwe n'urwego rwabiherewe uburenganzira. (2) Isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rikorwa hitawe ku bitekerezo by'abafatanyabikorwa bose bireba.	<u>Article 8: Basis of Environmental and social impact assessment</u> (1) The environmental and social impact assessment is carried out on basis of the work, activity or project brief and terms of reference approved by the authorized organ. (2) The environmental and social impact assessment is done with due consideration of the opinion of all the relevant stakeholders.	<u>Article 8 : Base d'une étude d'impact environnemental et social</u> (1) L'étude d'impact environnemental et social est réalisée sur base du descriptif du travail, de l'activité ou du projet et les termes de référence approuvés par l'organe autorisé. (2) L'étude d'impact environnemental et social est menée en tenant compte de l'avis de toutes les parties prenantes concernées.
<u>Ingingo ya 9:</u> Inshingano z'umunyamwuga watoranyijwe (1) Umunyamwuga watoranyijwe akorana na nyir'umushinga ku byiciro byose by'imigendekere y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage. (2) Umunyamwuga watoranyijwe afite kandi inshingano yo gusesengura ubushobozi bwa nyir'umushinga bwo kuzuzanya inshingano ze zo gushyira mu bikorwa gahunda yo kubungabunga ibidukikije n'imibereho y'abaturage.	<u>Article 9: Duties of the selected practitioner</u> (1) The selected practitioner involves the developer in all stages of the environmental and social impact assessment process. (2) The selected practitioner has also a duty to appraise the capacity of the developer to fulfil their obligations in the implementation of the environmental and social management plan.	<u>Article 9 : Attributions du praticien choisi</u> (1) Le praticien choisi implique le promoteur dans toutes les étapes du processus d'étude d'impact environnemental et social. (2) Le praticien choisi a également le devoir d'évaluer la capacité du promoteur de remplir ses obligations dans la mise en œuvre du plan de gestion environnementale et sociale.

(3) Umunyamwuga watoranyijwe yita ku bidukikije biva ku bikorwa bya muntu n'ibidukikije kamere n'ibijyanye n'imibereho y'abaturage mu gihe akora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage. (4) Umunyamwuga watoranyijwe ukora isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage agisha inama abafatanyabikorwa bireba kandi akita ku biteganywa n'inyandiko nsobanuramiterere yemejwe n'urwego rwabiherewe uburenganzira.	(3) The selected practitioner considers the built and natural environment and social aspects while conducting environmental and social impact assessment. (4) A selected practitioner who undertakes the environmental and social impact assessment carries out consultations with relevant stakeholders and considers the approaches provided in the terms of reference approved by the authorized organ.	(3) Le praticien choisi tient compte de l'environnement bâti et naturel et des aspects sociaux pendant qu'il mène l'étude d'impact environnemental et social. (4) Le praticien choisi qui entreprend l'étude d'impact environnemental et social mène des consultations avec les parties prenantes concernées et prend en compte les approches prévues dans les termes de référence approuvés par l'organe autorisé.
<u>Ingingo ya 10:</u> Gutegura raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage (1) Gutegura raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage bishingira ku ncamake y'umurimo, iy'igikorwa cyangwa iy'umushinga n'inyandiko nsobanuramiterere byemejwe n'urwego rwabiherewe uburenganzira. (2) Imiterere ya raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ryuzuye iri	<u>Article 10:</u> Preparation of the environmental and social impact assessment report (1) Preparation of the environmental and social impact assessment report is based on the work, activity or project brief and terms of reference approved by the authorized organ. (2) The structure of full environmental and social impact assessment report is in Annex 3.	<u>Article 10 :</u> Préparation du rapport d'étude d'impact environnemental et social (1) La préparation du rapport d'étude d'impact environnemental et social est basée sur le descriptif du travail, de l'activité ou du projet et les termes de référence approuvés par l'organe autorisé. (2) La structure du rapport de l'étude d'impact environnemental et social complète est en annexe 3.

ku mugereka wa 3. (3) Imiterere ya raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rihinye iri ku mugereka wa 4. <u>Ingingo ya 11:</u> Gutanga raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage (1) Iyo isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage rirangiye, umunyamwuga watoranyijwe ashyikiriza urwego rwabiherewe uburenganzira raporo mu buryo bw'ikoranabuhanga, muri <i>Word</i> na <i>PDF</i> kugira ngo isuzumwe kandi yemezwe. (2) Iyo umunyamwuga watoranyijwe abona ari ngombwa, mbere y'uko urwego rwabiherewe uburenganzira rufata icyemezo kuri raporo yatanze, umunyamwuga watoranyijwe ashobora gutanga inyongera kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage ku byari bidateganyijwe mu nyandiko nsobanuramiterere.	(3) The structure of partial environmental and social impact assessment report is in Annex 4. <u>Article 11:</u> Submission of environmental and social impact assessment report (1) If the environmental and social impact assessment is completed, a selected practitioner submits a report to the authorized organ by electronic means in Word and PDF for review and approval. (2) If the selected practitioner considers it necessary, before the authorized organ decides on the submitted report, the selected practitioner may provide an addendum to the environmental and social impact assessment report for the facts that were not initially covered within the terms of reference.	(3) La structure du rapport de l'étude d'impact environnemental et social partielle est en annexe 4. <u>Article 11 :</u> Soumission du rapport de l'étude d'impact environnemental et social (1) Lorsque l'étude d'impact environnemental et social est terminée, le praticien choisi soumet à l'organe autorisé le rapport par voie électronique dans Word et PDF pour examen et approbation. (2) Lorsque le praticien choisi le juge nécessaire, avant que l'organe autorisé ne se prononce sur le rapport soumis, le praticien choisi peut fournir un addendum au rapport de l'étude d'impact environnemental et social pour les faits qui n'étaient pas couverts dans les termes de référence.
---	---	---

<u>Ingingo ya 12: Gusuzuma no Kumenyesha icyemezo kuri raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage</u> (1) Nyuma yo kwakira raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage, urwego rwabihereye uburenganzira rurayisuzuma hagamijwe kureba niba ihuye n'incamake y'umurimo, y'igikorwa cyangwa y'umushinga n'inyandiko nsobanuramiterere. (2) Urwego rwabihereye uburenganzira rumenyesha mu nyandiko icyemezo cyarwo kuri raporo n'imibereho y'abaturage cyangwa rugasaba umunyamwuga watoranyijwe amakuru y'inyongera, mu gihe kitarenze iminsi 20 y'akazi ibarwa uhereye ku munsu rwakiriyeho raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage. (3) Bitewe n'imiterere y'umurimo, y'igikorwa cyangwa y'umushinga, igihe giteganywa mu gika cya (2) gishobora kongerwa nyuma yo kubimenyesha mu nyandiko umunyamwuga watoranyijwe na nyir'umushinga mbere y'uko icyo gihe kirangira.	<u>Article 12: Review and notification of the decision on environmental and social impact assessment report</u> (1) Upon receiving the environmental and social impact assessment report, the authorized organ reviews the report to make sure it complies with the work, activity or project brief and terms of reference. (2) The authorized organ notifies in writing of its decision on the environmental and social impact assessment report or requests for additional information from the selected practitioner, within 20 working days from the date of the receipt of environmental and social impact assessment report. (3) Depending on the nature of the work, activity or project, the period provided for in Paragraph (2) may be increased after informing, in writing, the selected practitioner and developer before the expiration of that period.	<u>Article 12 : Analyse et notification de la décision sur le rapport de l'étude d'impact environnemental et social</u> (1) Après réception du rapport de l'étude d'impact environnemental et social, l'organe autorisé analyse le rapport afin de s'assurer de sa conformité avec le descriptif du travail, de l'activité ou du projet et les termes de référence. (2) L'organe autorisé notifie par écrit sa décision sur le rapport de l'étude d'impact environnemental ou demande des informations additionnelles au praticien choisi, endéans 20 jours ouvrables à partir du jour de la réception du rapport de l'étude d'impact environnemental et social. (3) Selon la nature du travail, de l'activité ou du projet, le délai prévu au paragraphe (2) peut être prolongé après avoir informé, par écrit, le praticien choisi et le promoteur avant l'expiration de ce délai.
---	--	---

<u>Ingingo ya 13: Ikusanyabitekerezo</u>	<u>Article 13: Public hearing</u>	<u>Article 13 : Consultation publique</u>
(1) Iyo bibaye ngombwa, urwego rwabiherewe uburenganzira rukora ikusanyabitekerezo mbere yo kwemeza raporo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage hagamijwe gukusanya ibitekerezo by'abaturage ku ngaruka z'umurimo, z'igikorwa cyangwa z'umushinga biteganyijwe. (2) Urwego rwabiherewe uburenganzira rukora ikusanyabitekerezo hafi y'aho umurimo, igikorwa cyangwa umushinga biteganyijwe bizakorwa. Urwego rwabiherewe uburenganzira rutumira abaturage mu ikusanyabitekerezo ku bufatanye n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze. (3) Ubutumire bw'ikusanyabitekerezo bwerekana intego, umunsi, isaha n'aho rizabera kandi abaturage batumizwa iminsi icumi mbere y'uko ikusanyabitekerezo riba hakoreshejwe bumwe mu buryo bukurikira: (a) ibinyamakuru byo mu Gihugu, inshuro imwe, mu rurimi rw'Ikinyarwanda cyangwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi;	(1) If it is necessary, the authorized organ conducts a public hearing before approval of the environmental and social impact assessment report in order to collect views of the public on impact of the proposed work, activity or project. (2) The authorized organ conducts the public hearing at the vicinity of the proposed work, activity or project site. The authorized organ invites the public in public hearing in collaboration with local administrative authorities. (3) The invitation to a public hearing indicates the purpose, date, time, and venue where the public hearing will take place and the public is convened within ten days before its occurrence by using one of the following means: (a) local newspapers, once, in Ikinyarwanda or any other official language;	(1) Lorsqu'il est nécessaire, l'organe autorisé mène une consultation publique avant l'approbation du rapport de l'étude d'impact environnemental et social afin de recueillir les avis du public sur l'impact du travail, de l'activité ou du projet proposé. (2) L'organe autorisé mène la consultation publique à proximité du lieu du travail, de l'activité ou du projet proposé. L'organe autorisé invite le public à la consultation publique en collaboration avec les autorités administratives locales. (3) L'invitation à la consultation publique indique l'objet, le jour, l'heure et le lieu de la consultation publique et le public est convoqué dans dix jours qui précèdent sa tenue en utilisant l'un des moyens suivants : (a) les journaux locaux, une fois, en Ikinyarwanda ou dans une autre langue officielle ;

(b) gutanga amatangazo kuri radiyo inshuro enye mu minsi itandukanye, mu rurimi rw'Ikinyarwanda cyangwa mu rundi rurimi rwemewe mu butegetsi. <u>Ingingo ya 14: Ingingo y'ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza. <u>Ingingo ya 15: Ingingo ivanaho</u> Iteka rya Minisitiri n° 001/2019 ryo ku wa 15/04/2019 rishyiraho urutonde rw'imishinga igomba gukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije, amabwiriza, ibisabwa n'uburyo bwo gukora isuzumangaruka ku bidukikije rivanyweho. <u>Ingingo ya 16: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	(b) running announcements four times on radio station in different days, in Ikinyarwanda or any other official language. <u>Article 14: Language provision</u> This Order was drafted in English. <u>Article 15: Repealing provision</u> Ministerial Order n° 001/2019 of 15/04/2019 establishing the list of projects that must undergo environmental impact assessment, instructions, requirements and procedures to conduct environmental impact assessment is repealed. <u>Article 16: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	(b) les annonces diffusées à la radio quatre fois dans les jours différents, en Ikinyarwanda ou dans une autre langue officielle. <u>Article 14 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en anglais. <u>Article 15 : Disposition abrogatoire</u> L'Arrêté Ministériel n° 001/2019 du 15/04/2019 établissant la liste des projets devant faire l'objet d'une étude d'impact environnemental, instructions, conditions et procédures pour mener l'étude d'impact environnemental est abrogé. <u>Article 16 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	---	--

Kigali, 19/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA 1 W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MoE/25 RYO KU WA 19/08/2025 RYEREKEYE ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE	ANNEX 1 TO MINISTERIAL ORDER N° 003/MoE/25 OF 19/08/2025 RELATING TO ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	ANNEXE 1 À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MoE/25 DU 19/08/2025 RELATIF À L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL
--	--	---

URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE RYUZUYE	LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS SUBJECT TO FULL ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	LISTE DES TRAVAUX, DES ACTIVITÉS ET DES PROJETS FAISANT L'OBJET D'UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL COMPLÈTE
---	--	--

(a) Inyubako zigenewe guturwamo, iz'ubucuruzi, izikorwamo imirimo yo mu biro, iz'imyidagaduro, iz'ibikorwa by'ubusabane, iz'umuco, insengero, amashuri cyangwa izindi nyubako rusange zihurirwamo n'abantu benshi zujuje kimwe muri ibi bikurikira: (i) zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenze 500; (ii) ziri ku buso burenga m² 1.500; (iii)inyubako zo guturamo zigeretse kane kuzamura;	(a) Buildings classified as residential, commercial, administrative or institutional, sports facilities, social, cultural, and assembly and religious buildings, educational buildings, or other publicly accessible facilities fulfilling at least one of the following: (i) having capacity to host more than 500 persons; (ii) having a total floor area exceeding 1,500 m²; (iii)residential building of G+4 and above;	(a) Les bâtiments classés comme résidentiels, commerciaux, administratifs ou institutionnels, sportifs, les bâtiments à caractère social, culturel, de rassemblement ou religieux, les bâtiments pour l'enseignement ou pour d'autres installations accessibles au public et remplissant au moins l'un de ce qui suit: (i) avoir une capacité d'accueil de plus de 500 personnes ; (ii) avoir une surface de plancher totale supérieure à 1.500 m² ; (iii)les bâtiments résidentiels de G+4 et plus ;
---	--	--

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

(iv)inyubako zitari izo guturamo zigeretse gatatu kuzamura. (b) inganda; (c) ibigo by'ubuvuzi; (d) inyubako zikorwamo imirimo yateza impanuka; (e) inyubako zigenewe kubikwamo ibikoresho byateza impanuka n'ibyangirika; (f) inyubako zigenewe kubikwamo ibikomoka ku buhinzi byangirika ziri ku buso bungana cyangwa burenze kimwe cya kabiri cya hegitari; (g) aho abantu bashyirwa mu rwego rwo kugororwa cyangwa kubera ikibazo cyo mu mutwe; (h) ahakorwamo imirimo y'ubucuruzi itari iy'inganda aho ibikorwa cyangwa ibihacururizwa bishobora guteza inkongi y'umuriro, gukwirakwiza inkongi y'umuriro mu buryo bwihuse, kohereza imyuka ihumanya cyangwa guturika;	(iv)non-residential buildings of G+3 and above. (b) industries; (c) health facilities; (d) buildings with activities which can cause hazards; (e) warehouses for storage of hazardous materials and perishables; (f) warehouses and storage facilities of perishable agricultural commodities occupying an area of a half of a hectare and above; (g) places where persons are detained for corrective reasons or because of their mental condition; (h) places of non-industrial commercial activities where such activities or commercial products may cause fire, combustion with extreme rapidity, give rise to poisonous fumes or cause explosions;	(iv)les bâtiments non résidentiels de G+3 et plus ; (b) les industries ; (c) les établissements de santé ; (d) les bâtiments où s'exercent des activités pouvant causer des accidents ; (e) les entrepôts pour le stockage des biens et des matériaux dangereux et périssables ; (f) les entrepôts de denrées agricoles périssables occupant une superficie d'un demi-hectare et plus ; (g) les lieux où des personnes sont détenues pour des motifs correctionnels ou en raison de leur état mental ; (h) les sites d'activités commerciales non industrielles où les activités ou les produits commerciaux peuvent causer l'incendie, la combustion avec une rapidité extrême, provoquer des fumées toxiques ou causer des explosions ;
--	--	---

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

(i) amagaraji bakanikiramo ibinyabiziga; (j) inyubako zigenewe ububiko zubatse ku buso burenze m² 1.500 n'ubuso bw'ikibanza burenze m² 1.000; (k) amahoteli; (l) kubaka no gusana imihanda n'amateme mpuzamahanga, iby'Igihugu n'iby'Uturere; (m) kubaka ingomero z'amazi n'amashanyarazi n'imiyoboro y'amashanyarazi ifite <i>high voltage</i> na <i>medium voltage</i>; (n) kubaka ibitembo bitwara peteroli na gazi; (o) gucukura umutungo kamere; (p) kubaka aho amato ahagarara, ibibuga by'indege na gari ya moshi; (q) ibikorwa by'ubuhinzi cyangwa iby'ubworozi bikoresha ifumbire mvaruganda cyangwa imiti yica udukoko ku butaka buhehereye;	(i) garages for vehicle repair and maintenance; (j) warehouses with a floor area exceeding 1,500 m² and plot size exceeding 1,000 m²; (k) hotels; (l) construction and repair of international, national, District roads and bridges; (m) construction of hydroelectric dams, hydro-electric power plants and electrical lines of high and medium voltage; (n) construction of petroleum and gas related facilities; (o) extraction of natural resources; (p) construction of terminal ports, airports and railways; (q) agricultural activities which use chemical fertilizers or pesticides in a wetland;	(i) les garages pour la réparation et l'entretien de véhicules ; (j) les entrepôts de stockage ayant une surface de plancher supérieure à 1.500 m² et la superficie de la parcelle supérieure à 1.000 m² ; (k) les hôtels ; (l) la construction et la réparation des routes et des ponts internationaux, nationaux et de District ; (m) la construction des barrages hydroélectriques, des centrales hydroélectriques et des lignes électriques à haute et moyenne tension; (n) la construction d'oléoducs des produits pétroliers et du gaz ; (o) l'extraction de ressources naturelles ; (p) la construction de ports terminaux, d'aéroports et de chemins de fer ; (q) les activités agricoles qui utilisent des engrais chimiques ou des pesticides dans une zone humide ;
---	--	---

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

(r) ibikorwa by'ubuhinzi cyangwa iby'ubworozi byaguye bikoresha ifumbire mvaruganda cyangwa imiti yica udukoko i musozi;	(r) large scale agricultural activities which use chemical fertilizers or pesticides outdoor;	(r) les activités agricoles à grande échelle qui utilisent des engrais chimiques ou des pesticides en plein air ;
(s) imirimo muri za pariki z'Igihugu cyangwa mu byanya by'ubuhumekero byazo;	(s) works in areas designated as national parks or in their buffer zones;	(s) les travaux dans les parcs nationaux ou dans leurs zones tampons ;
(t) imirimo ijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;	(t) works related to mining;	(t) les travaux liés à l'exploitation des mines ;
(u) kariyeri ijyanye n'ubucukuzi buto n'inganda;	(u) commercial small-scale and industrial quarries;	(u) les carrières commerciales à petite échelle et industrielles ;
(v) kubaka ibiyaga bihangano;	(v) construction of artificial lakes;	(v) la construction des lacs artificiels ;
(w) kubaka ingomero zo kubika amazi;	(w) construction of water storage dams;	(w) la construction des barrages de stockage d'eau ;
(x) imirimo cyangwa ibikorwa byo gutunganya ibishanga;	(x) works or activities for marshlands reclamation;	(x) les travaux ou les activités d'assainissement des marais ;
(y) kubaka amabagiro;	(y) construction of slaughter houses;	(y) la construction des abattoirs ;
(z) imishinga ijyanye n'imicungire y'imyanda;	(z) projects related to waste management;	(z) les projets liés à la gestion des déchets ;
(aa) udukiriro.	(aa) integrated craft production centres.	(aa) les centres de production artisanale intégrés.

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 003/MoE/25 ryo ku wa 19/08/2025 ryerekeye isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	Seen to be annexed to Ministerial Order n° 003/MoE/25 of 19/08/2025 relating to environmental and social impact assessment	Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 003/MoE/25 du 19/08/2025 relatif à l'étude d'impact environnemental et social
---	---	--

Kigali, 19/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA 2 W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MoE/25 RYO KU WA 19/08/2025 RYEREKEYE ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE	ANNEX 2 TO MINISTERIAL ORDER N° 003/MoE/25 OF 19/08/2025 RELATING TO ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	ANNEXE 2 À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MoE/25 DU 19/08/2025 RELATIF À L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL
--	--	---

URUTONDE RW'IMIRIMO, IBIKORWA N'IMISHINGA BIKORERWA ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE RIHINNYE	LIST OF WORKS, ACTIVITIES AND PROJECTS SUBJECT TO PARTIAL ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	LISTE DES TRAVAUX, DES ACTIVITÉS ET DES PROJETS FAISANT L'OBJET D'UNE ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL PARTIELLE
--	---	---

(a) Iminara n'anteni; (b) inyubako zose zujuje nibura kimwe muri ibi bikurikira: (i) kuba zifite ubushobozi bwo kwakira abantu barenga 200 ariko batarenze 500; (ii) kuba zifite ubuso bwubatse kuva kuri m² 1.000 kugera kuri m² 1.500; (iii) kuba ari inyubako zo guturamo zigeretse kuva kuri kabiri ariko zitarenze gatatu; (iv) izindi nyubako zitari izo guturamo zigeretse kabiri.	(a) Towers and antennas; (b) all types of buildings, fulfilling at least one of the following conditions: (i) having a capacity to host more than 200 persons but not exceeding 500 persons; (ii) having a total floor area from 1,000 m² to 1,500 m²; (iii) to be residential building of G+2 and G+3; (iv) other non-residential buildings of G+2;	(a) Les tours et les antennes ; (b) les types de bâtiments remplissant au moins une des conditions suivantes : (i) ayant la capacité d'accueil de plus de 200 personnes mais ne dépassant pas 500 personnes ; (ii) ayant une surface de plancher totale de 1.000 m² à 1.500 m² ; (iii) être les bâtiments résidentiels de G+2 et de G+3 ; (iv) d'autres bâtiments non résidentiels de G+2 ;
---	--	---

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

(c) ibinamba;	(c) vehicle washing stations;	(c) les stations de lavage des véhicules ;
(d) kubaka inganda zitonorerwamo ikawa;	(d) construction of coffee washing stations;	(d) la construction des stations de lavage du café ;
(e) kubaka sitasiyo zitanga umuriro ku modoka zikoresha amashanyarazi.	(e) construction of electric vehicles recharging stations.	(e) la construction des bornes de recharge pour les véhicules électriques.

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 003/MoE/25 ryo ku wa 19/08/2025 ryerekeye isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	Seen to be annexed to Ministerial Order n° 003/MoE/25 of 19/08/2025 relating to environmental and social impact assessment	Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 003/MoE/25 du 19/08/2025 relatif à l'étude d'impact environnemental et social
---	---	--

Kigali, 19/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije
Minister of Environment
Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA 3 W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MoE/25 RYO KU WA 19/08/2025 RYEREKEYE ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE	ANNEX 3 TO MINISTERIAL ORDER N° 003/MoE/25 OF 19/08/2025 RELATING TO ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	ANNEXE 3 À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MoE/25 DU 19/08/2025 RELATIF À L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL
--	--	---

IMITERERE YA RAPORO Y'ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE RYUZUYE	STRUCTURE OF FULL ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT REPORT	STRUCTURE DU RAPPORT DE L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL COMPLÈTE
---	--	--

<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
Incamake Incamake igaragaza mu buryo bwumvikana ibyavuye mu isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage kandi igatanga inama ku bikwiye gukorwa. <u>Umutwe wa mbere: Intangiriro</u> Intangiriro ya raporo igaragaza muri make – (a) amateka y'umushinga; (b) intego; (c) uburyo buzakoreshwa;	Executive summary The executive summary Concisely discusses significant findings of the environmental and social impact assessment and recommended actions. <u>Chapter One: Introduction</u> The introduction of a report presents a brief of – (a) the background of the project; (b) the purpose; (c) the methodology; and	Résumé analytique Le résumé analytique examine de manière concise les principales constatations de l'étude d'impact environnemental et social et les actions recommandées. <u>Chapitre premier : Introduction</u> L'introduction du rapport présente brièvement– (a) le contexte du projet ; (b) l'objectif ; (c) la méthodologie ; et

(d) n'uko izaba imeze. <u>Umutwe wa 2: Ibisobanuro by'umushinga</u> (1) Uyu mutwe ugaragaza – (a) aho umushinga uherereye; (b) impamvu yo kubaho k'umushinga; (c) ibikenewe n'ibyifuzwa mu mushinga; (d) ibigize umushinga; (e) n'ibikorwa mu gihe cyose cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga. (2) Amashusho, ibishushanyo, amakarita, n'ibishushanyo ndangamiterere by'umushinga bigaragazwa igihe biri ngombwa. <u>Umutwe wa 3: Uko ibidukikije n'imibereho y'abaturage byari bisanzwe bimeze</u> Uyu mutwe ugaragaza imiterere y'ibidukikije kamere, ibidukikije bikomoka ku bikorwa bya muntu n'imibereho y'abaturage mbere	(d) the structure. <u>Chapter 2: Project description</u> (1) This chapter describes – (a) the project location; (b) the project rationale; (c) the project need and desirability; (d) the project components; and (e) the activities during all phases of the project implementation. (2) Graphics, drawings, maps, and site layout designs of the proposed project are used when it is necessary. <u>Chapter 3: Baseline environmental and social condition</u> This chapter describes the existing natural, built environmental and social conditions in the project area before the implementation of	(d) la structure. <u>Chapitre 2 : Description du projet</u> (1) Le présent chapitre décrit – (a) l'emplacement du projet ; (b) la justification du projet ; (c) la nécessité et l'opportunité du projet ; (d) les composantes du projet ; et (e) les activités pendant toutes les phases de la mise en œuvre du projet. (2) Les graphiques, les dessins, les cartes et la conception de l'aménagement du site du projet proposé sont utilisés en cas de besoin. <u>Chapitre 3 : État de référence environnemental et social</u> Le présent chapitre décrit les conditions environnementales et sociales, naturelles et construites existant dans la zone du projet
---	---	---

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

y'uko umushinga ushyirwa mu bikorwa. Ukubiyemo ku buryo burambuye amakuru ku – (a) imiterere y'ubutaka; (b) urusobe rw'ibinyabuzima n'ibyanya bibamo; (c) ikirere; (d) ubumenyi bw'ikirere; (e) ubwiza bw'umwuka; (f) urusaku; (g) umutungo kamere w'amazi; (h) ubutaka n'imikoreshereje yabwo; (i) umurimo n'imiterere rusange y'akazi; (j) ubuzima n'umutekano by'abaturage; (k) n'uburenganzira ku mutungo n'umurage ndangamuco byo mu gace umushinga uzakorerwamo.	the project. It includes detailed information on – (a) topography; (b) biodiversity and natural habitat; (c) climate; (d) meteorology; (e) air quality; (f) noise condition; (g) water resources; (h) soil and land use; (i) labour and working conditions; (j) community health and safety; and (k) property rights and cultural heritage of the project area.	avant sa mise en œuvre t. Il comprend des informations détaillées sur– (a) la topographie ; (b) la biodiversité et l'habitat naturel ; (c) le climat ; (d) la météorologie ; (e) la qualité de l'air ; (f) les nuisances sonores ; (g) les ressources en eau ; (h) le sol et l'utilisation des terres ; (i) le travail et les conditions de travail ; (j) la santé et la sécurité de la communauté ; et (k) les droits de propriété et le patrimoine culturel de la zone du projet.
--	---	---

<u>Umutwe wa 4: Politiki, amategeko n'inzego birebwa n'umushinga</u> Uyu mutwe ugaragaza politiki, amategeko n'amabwiriza n'ibipimo ngenderwaho birebwa n'umushinga n'uko ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga rizabyubahiriza. Ugaragaza kandi inzego zirebwa no gutanga impushya, iyubahirizwa n'igenzura ry'umushinga. <u>Umutwe wa 5: Kugisha inama abaturage n'abafatanyabikorwa</u> Uyu mutwe ukusanya ibitekerezo by'abafatanyabikorwa, abandi bantu umushinga ureba n'abaturage bashobora kugirwaho ingaruka n'umushinga. Umunyamwuga agomba kwita cyane ku byiciro byihariye no ku bitsina byombi. <u>Umutwe wa 6: Ibyago n'ingaruka bishobora kubaho ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage</u> Uyu mutwe usobanura – (a) ibyago n'ingaruka bishobora guterwa n'umushinga ku bidukikije by'ibinyabuzima n'ibya kamere, ku mibereho myiza n'ubukungu no ku bidukikije bishingiye ku muco kuva	<u>Chapter 4: Policy, legal and institutional framework relating to the project</u> This chapter describes the policies, laws and regulations and applicable standards relevant to the project and how the project implementation will comply with them. It also describes relevant institutions in terms of permitting, compliance and monitoring of the project. <u>Chapter 5: Public and stakeholder consultations</u> This chapter focuses on the collection of views on the project from stakeholders, other interested persons and people likely to be affected. A practitioner must consider special groups and all genders. <u>Chapter 6: Potential environmental and social risks and impacts</u> This chapter describes – (a) potential risks and impacts to the physical and biological environment, socio-economic life and cultural environment as the result of the project at preparatory, construction,	<u>Chapitre 4 : Politique, cadre juridique et institutionnel relatif au projet</u> Le présent chapitre décrit les politiques, les lois et les règlements ainsi que les normes applicables au projet et la manière dont la mise en œuvre du projet s'y conformera. Elle décrit également les institutions compétentes en matière d'autorisation, de conformité et de suivi du projet. <u>Chapitre 5 : Consultation du public et des parties prenantes</u> Se concentre sur la collecte de points de vue sur le projet auprès des parties prenantes, d'autres personnes intéressées et des personnes susceptibles d'être affectées. Le praticien doit tenir compte des groupes spéciaux et de tous les genres. <u>Chapitre 6 : Risques et impacts environnementaux et sociaux potentiels</u> Le présent chapitre décrit – (a) les risques et les impacts potentiels sur le milieu physique et biologique, sur la vie socio-économique et sur l'environnement culturel résultant du projet aux stades de la préparation, de
--	---	--

umushinga utegurwa, ushyirwa mu bikorwa no kugeza urangiye; (b) ibyago n'ingaruka bijyanye n'akazi n'uburyo gakorwamo; (c) ibyago n'ingaruka bijyanye n'amategeko n'amabwiriza yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi; (d) ibyago n'ingaruka bijyanye n'ubuzima n'umutekano by'abaturage; (e) ibyago n'ingaruka zijyanye n'umurage ndangamuco; (f) ibyago n'ingaruka zijyanye n'amategeko n'amabwiriza yerekeye uburinganire n'ubwuzuzanye. <u>Umutwe wa 7: Ingamba zo kugabanya ubukana bw'ingaruka z'umushinga</u> Uyu mutwe ugaragaza – (a) ingamba zo kugabanya ingaruka mbi; (b) uburyo bwo kwishyura cyangwa gushyiraho ibikorwa bikumira	operation and decommissioning stages; (b) risks and impacts related to labour and working conditions; (c) risks and impacts related to health and occupational safety laws and regulations; (d) risks and impacts related to community health and safety; (e) risks and impacts related to cultural heritage; (f) risks and impacts related to gender-related laws and regulations. <u>Chapter 7: Mitigation measures of the impacts of the project</u> This chapter provides – (a) mitigation measures with technical details; (b) offset and prevent negative impacts as the result of the proposed project	la construction, de l'exploitation et de la désaffectation ; (b) les risques et les impacts liés à la main-d'œuvre et aux conditions de travail ; (c) les risques et les impacts liés aux lois et réglementations en matière de santé et de sécurité au travail ; (d) les risques et les impacts liés à la santé et à la sécurité de la communauté ; (e) les risques et les impacts liés au patrimoine culturel ; (f) les risques et les impacts liés aux lois et aux réglementations en matière d'égalité entre les hommes et les femmes. <u>Chapitre 7 : Mesures d'atténuation des impacts du projet</u> Le présent chapitre fournit – (a) des mesures d'atténuation avec des détails techniques ; (b) des moyens de compenser et de prévenir divers impacts résultant du
--	--	--

ingaruka z'umushinga wateganyijwe mu gihe cyo kuwubaka no kuwushyira mu bikorwa; (c) incamake y'ingaruka zose ziteganywa ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage. <u>Umutwe wa 8: Gahunda y'imicungire y'ibidukikije n'imibereho y'abaturage</u> Uyu mutwe ugaragaza ibi bikurikira: (a) ibyago n'ingaruka umushinga ushobora guteza; (b) ingamba zo kugabanya ubukana no gukurikirana ingaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage mu gihe cyose cy'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga; (c) ikiguzi bisaba; (d) ingengabihe; (e) ibipimo byo gukurikirana izo ngamba; (f) uburyo bwo gutanga ubutabazi bwihuse;	during construction and operation; (c) the summary of all anticipated adverse environmental and social impacts. <u>Chapter 8: Environmental and social management plan</u> This chapter outlines the following: (a) the potential risks and impacts of the project; (b) measures for mitigation and monitoring of environmental and social impacts throughout the project lifecycle; (c) cost; (d) calendar; (e) measures monitoring indicators; (f) emergency response procedures; and	projet proposé pendant la construction et l'exploitation ; (c) le résumé de toutes les incidences négatives anticipées sur l'environnement et sur la société. <u>Chapitre 8 : Plan de gestion environnementale et sociale</u> Le présent chapitre décrit ce qui suit : (a) les risques et les impacts potentiels du projet ; (b) les mesures d'atténuation et de suivi des impacts environnementaux et sociaux tout au long du cycle de vie du projet ; (c) le coût ; (d) le calendrier ; (e) les indicateurs de suivi de ces mesures ; (f) les procédures d'intervention en cas d'urgence ; et
--	--	--

(g) n'ufite inshingano zo gushyira mu bikorwa izo ngamba. Umutwe wa 9: Kubona ubutaka no gutuza abaturatione Uyu mutwe usobanura ibi bikurikira: (a) nyir'umushinga agomba kwerekana muri raporo niba ubutaka buzakorwaho umushinga ari ubwe; (b) igishushanyo mbonera cy'umushinga; (c) indishyi n'inyungu ku bantu bagizweho ingaruka n'umushinga; (d) imikoranye n'abaturatione; (e) uburyo bwo gukemura ibibazo; (f) gutekura no gushyira mu bikorwa umushinga; (g) ubufatanye n'izindi nzego zibishinzwe; (h) ubushobozi bwa tekini n'amafaranga bya nyir'umushinga;	(g) responsible person to implement measures. Chapter 9: Land acquisition and resettlement This chapter describes the following: (a) the project developer shows in the report whether he or she is the owner of the land on which the project is to be implemented; (b) project design; (c) compensation and benefits for affected persons; (d) community engagement; (e) grievance redress mechanism; (f) planning and implementation of the project; (g) collaboration with other responsible agencies; (h) technical and financial capabilities of the project developer;	(g) la personne responsable de la mise en œuvre des mesures. Chapitre 9 : Acquisition de terre et réinstallation Le présent chapitre décrit ce qui suit : (a) le promoteur indique dans le rapport s'il est le propriétaire du terrain sur lequel le projet doit être mis en œuvre ; (b) la conception du projet ; (c) les compensations et les avantages pour les personnes affectées ; (d) l'engagement communautaire ; (e) le mécanisme de règlement des griefs ; (f) la planification et la mise en œuvre du projet ; (g) la collaboration avec d'autres agences responsables ; (h) la capacité technique et financière du promoteur du projet ;
---	---	--

(i) gahunda y'ibikorwa byo kwimura abantu ikubiyemo ingamba zo kugarura imibereho itunganyijwe, itegurwa mbere yo gushyira mu bikorwa umushinga iyo bibaye ngombwa kwimura abantu.	(i) the resettlement action plan which includes livelihood restoration measures, developed prior to the implementation of the project when deemed necessary to relocate people.	(i) le plan d'action de réinstallation qui comprend des mesures de rétablissement des moyens de subsistance, élaboré avant la mise en œuvre du projet lorsqu'il est nécessaire de déplacer des personnes.
<u>Umutwe wa 10: Imiterere ya tekini ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage</u>	<u>Chapter 10: Environmental and social technical specifications</u>	<u>Chapitre 10 : Spécifications techniques environnementale et sociale</u>
Muri uyu mutwe, ku mushinga ukenera inyubako n'ibikoresho mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ryawo, nyir'umushinga –	In this chapter, for a project that needs construction and supply during implementation, the project developer –	Dans le présent chapitre, pour le projet dont la mise en œuvre nécessite des travaux de construction et des fournitures pendant la mise en œuvre, le promoteur du projet -
(a) agaragaza muri raporo imiterere ya tekini ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage mu masezerano y'ubwubatsi n'ayigemura ry'ibikoresho;	(a) includes in the report, environmental and social technical specifications to be included in the contract of construction or supply; and	(a) inclue dans le rapport les spécifications techniques environnementales et sociales à inclure dans le contrat de construction ou de fourniture ;
(b) kandi ashahiraho ingamba zizatuma ukora umurimo w'ubwubatsi cyangwa ugemura ibikoresho akurikiza iyo miterere ya tekini.	(b) sets up mechanism to ensure that the contractor or supplier complies with those specifications.	(b) met en place un mécanisme pour s'assurer que l'entrepreneur ou le fournisseur se conforme à ces spécifications.
<u>Umutwe wa 11: Uburyo bwo gukemura ibibazo</u>	<u>Chapter 11: Grievance redress mechanism</u>	<u>Chapitre 11 : Mécanisme de régler des griefs</u>
Uyu mutwe ugaragaza uburyo bwo gukemura ibibazo kugira ngo abaturage bazagirwaho ingaruka n'umushinga bajye	This chapter describes grievance redress mechanisms to ensure that project affected persons raise their complaints or concerns,	Le présent chapitre décrit les mécanismes de recours pour garantir que les personnes affectées par le projet puissent déposer leurs

batanga ibibazo byabo nta kiguzi, no kwizera ko bizakemurwa ku gihe kandi bigahabwa ibisubizo bikwiye.	without cost, and with the assurance of a timely and satisfactory resolution.	plaintes ou préoccupations, sans frais, et avec l'assurance d'une résolution rapide et satisfaisante.
<u>Umutwe wa 12: Imyanzuro n'ibyifuzonama</u>	<u>Chapter 12: Conclusions and recommendations</u>	<u>Chapitre 12 : Conclusions et recommandations</u>
Uyu mutwe werekana mu ncamake iby'ingenzi byagaragajwe mu gihe cy'isuzumangaruka ku bidukikije no ku mibereho y'abaturage. Ugaragaza kandi ibyifuzonama birebana n'ifatwa ry'ibyemero, ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga n'izindi nyigo cyangwa izindi ngamba zishobora gufatwa.	This chapter summarizes the key findings from the environmental and social impact assessment process. It also includes recommendations for decision-making, project implementation and any additional studies or actions to be taken.	Le présent chapitre résume les principaux résultats du processus de l'étude d'impact environnemental et social. Il comprend également des recommandations pour la prise de décision, la mise en œuvre du projet et toute étude ou action complémentaire à entreprendre.
<u>Umutwe wa 13: Imigereka</u>	<u>Chapter 13: Annexes</u>	<u>Chapitre 13 : Annexes</u>
Uyu mutwe ugaragaza ibi bikurikira:	This chapter provides the following:	Le présent chapitre indique ce qui suit :
(a) inyandikomvugo y'inama z'abaturage n'abafatanyabikorwa; (b) urutonde rw'abaturage n'abafatanyabikorwa bagishijwe inama; (c) ikimenyetso kigaragaza nyir'ubutaka, icy'uko yabutijwe cyangwa icy'andi masezerano; (d) ibishushanyo;	(a) minutes of public and stakeholder consultation meetings; (b) a list of consulted public and stakeholders; (c) proof of land ownership, concession or any other agreement; (d) drawings and designs;	(a) les procès-verbaux des réunions de consultation des parties prenantes ; (b) une liste du public et des parties prenantes consultés ; (c) une preuve de propriété foncière, de concession ou de tout autre accord ; (d) les dessins et les conceptions ;

Official Gazette n° Special of 20/08/2025

(e) amakuru yavuye mu nyigo; (f) urutonde rw'abanyamwuga bagize uruhare mu isuzumangaruka, ubumenyi n'uburambe bafite bujyanye n'umushinga; (g) n'izindi nyandiko za ngombwa.	(e) data from conducted studies; (f) the list of practitioners involved in the assessment with their qualifications and experience related to the project; and (g) any other relevant documents.	(e) les données provenant d'études menées; (f) une liste des praticiens impliqués dans l'étude avec leurs qualifications et leur expérience en rapport avec le projet ; et (g) tout autre document pertinent.
--	---	--

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 003/MoE/25 ryo ku wa 19/08/2025 ryerekeye isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	Seen to be annexed to Ministerial Order n° 003/MoE/25 of 19/08/2025 relating to environmental and social impact assessment	Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 003/MoE/25 du 19/08/2025 relatif à l'étude d'impact environnemental et social
--	--	---

Kigali, 19/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA 4 W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/MoE/25 RYO KU WA 19/08/2025 RYEREKEYE ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBEREHO Y'ABATURAGE	ANNEX 4 TO MINISTERIAL ORDER N° N° 003/MoE/25 OF 19/08/2025 RELATING TO ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT	ANNEXE 4 À L'ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/MoE/25 DU 19/08/2025 RELATIF À L'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL
--	---	---

IMITERERE YA RAPORO Y'ISUZUMANGARUKA KU BIDUKIKIJE N'IMIBERO Y'ABATURAGE RIHINNYE	STRUCTURE OF PARTIAL ENVIRONMENTAL AND SOCIAL IMPACT ASSESSMENT REPORT	STRUCTURE DU RAPPORT D'ÉTUDE D'IMPACT ENVIRONNEMENTAL ET SOCIAL PARTIELLE
--	---	--

<u>ISHAKIRO</u>	<u>TABLE OF CONTENTS</u>	<u>TABLE DES MATIÈRES</u>
<u>Umutwe wa mbere: Ibyerekeye umushinga</u>	<u>Chapter One: Project description</u>	<u>Chapitre premier : Description du projet</u>
(1) Uyu mutwe ugaragaza ibi bikurikira:	(1) This chapter describes the following:	(1) Le présent chapitre décrit ce qui suit :
(a) aho umushinga uherereye;	(a) project location;	(a) l'emplacement du projet ;
(b) impamvu y'umushinga;	(b) rationale of the project;	(b) la justification du projet ;
(c) ibikenewe n'ibyifuzwa mu mushinga;	(c) the project need and desirability;	(c) la nécessité et l'opportunité du projet ;
(d) ibigize umushinga;	(d) components of the project; and	(d) les composantes du projet ; et
(e) n'ibizakorwa mu byiciro byo gushyira mu bikorwa umushinga.	(e) activities during phases of the project implementation.	(e) les activités au cours des phases de sa mise en œuvre.
(2) Amashusho, ibishushanyo, amakarita, n'ibishushanyo ndangamiterere	(2) Graphics, drawings, maps and site layout designs of the project are used	(2) Les graphiques, les dessins, les cartes et les plans d'aménagement du site du

by'umushinga bigaragazwa igihe biri ngombwa.	when necessary.	projet sont utilisés en cas de besoin.
Umutwe wa 2: Uko ibidukikije n'imibereho y'abaturage byari bisanzwe bimeze	Chapter 2: Baseline environmental and social condition	Chapitre 2 : État de référence environnemental et social
Uyu mutwe ugaragaza ibi bikurikira:	This chapter describes the following:	Le présent chapitre décrit ce qui suit :
(a) imiterere y'ibidukijije kamere, ibidukikije bikomoka ku bikorwa bya muntu n'imibereho y'abaturage mbere y'uko umushinga ushyirwa mu bikorwa;	(a) existing natural, built environmental and social conditions in the project area before the implementation of the project;	(a) Les conditions environnementales et sociales, naturelles et construites existant dans la zone du projet avant sa mise en œuvre ;
(b) amakuru arambuye ku miterere y'ubutaka, ku rusobe rw'ibinyabuzima n'ibyanya bibamo;	(b) detailed information on topography, biodiversity and natural habitat;	(b) les informations détaillées sur la topographie, la biodiversité et l'habitat naturel ;
(c) ikirere n'ubumenyi bw'ikirere;	(c) climate and meteorology;	(c) le climat et la météorologie ;
(d) ubwiza bw'umwuka;	(d) air quality;	(d) la qualité de l'air ;
(e) urusaku;	(e) noise condition;	(e) les nuisances sonores ;
(f) umutungo kamere w'amazi;	(f) water resources;	(f) les ressources en eau ;
(g) ubutaka n'imikoreshereze yabwo;	(g) soil and land use;	(g) le sol et l'utilisation des terres ;
(h) umurimo n'imiterere rusange y'akazi;	(h) labour and working conditions;	(h) le travail et les conditions de travail ;
(i) ubuzima n'umutekano by'abaturage;	(i) community health and safety; and	(i) la santé et la sécurité de la communauté ; et

(j) n'uburenganzira ku mutungo n'umurage ndangamuco byo mu gace umushinga uzakorerwamo. <u>Umutwe wa 3: Gahunda y'imicungire y'ibidukikije n'iy'imibereho y'abaturage</u> Uyu mutwe ugaragaza ibi bikurikira: (a) ingaruka zihariye z'umushinga; (b) ingamba zo gukumira ingaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage zateganyijwe mu gihe umushinga uzamara; (c) ikiguzi bisaba; (d) ingengabihe; (e) ibipimo by'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba; (f) uburyo bwo gutanga ubutabazi bwihuse; (g) n'ufite inshingano zo gushyira mu bikorwa izo ngamba.	(j) property rights and cultural heritage of the project area. <u>Chapter 3: Environmental and social management plan</u> This chapter outlines the following: (a) the potential risks and impacts of the project; (b) mitigation and monitoring of environmental and social aspects throughout the project lifecycle; (c) cost; (d) calendar; (e) monitoring indicators; (f) emergency response procedures; and (g) responsible person to implement measures.	(j) les droits de propriété et le patrimoine culturel de la zone du projet. <u>Chapitre 3 : Plan de gestion environnementale et sociale</u> Le présent chapitre décrit ce qui suit : (a) les risques et les impacts potentiels du projet ; (b) les mesures d'atténuation et de suivi des aspects environnementaux et sociaux tout au long du cycle de vie du projet ; (c) le coût ; (d) le calendrier ; (e) les indicateurs de suivi ; (f) les procédures d'intervention en cas d'urgence ; et (g) la personne responsable de la mise en œuvre des mesures.
--	---	--

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri n° 003/MoE/25 ryo ku wa 19/08/2025 ryerekeye isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho y'abaturage	Seen to be annexed to Ministerial Order n° 003/MoE/25 of 19/08/2025 relating to environmental and social impact assessment	Vu pour être annexé à l'Arrêté Ministériel n° 003/MoE/25 du 19/08/2025 relatif à l'étude d'impact environnemental et social
---	---	--

Kigali, 19/08/2025

(sé)

Dr ARAKWIYE Bernadette

Minisitiri w'Ibidukikije

Minister of Environment

Ministre de l'Environnement

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta

Minister of Justice and Attorney General

Ministre de la Justice et Garde des Sceaux